

SOLIDARITY

ROJAPED

Vol. 001 Kanama, 2015



Magazine

ROJAPED - SOLIDARITY P.O Box 4305 Kigali - RWANDA, Phone: +250- 788521257, +250785000312 e-mail: solidaritymag@gmail.com

Abana bafite ubumuga bwo mu mutwe ni abana nk'abandi



Ubwanditsi

Ihuriro ry'ibigo bifasha abana ndetse n'urubiruko rufite ubumuga bwo mu mutwe (Collectif Tubakunde) binyuze mu mushinga Come Together risanga abana bafite ubumuga bwo mu mutwe bakwiye guhuzwa n'abandi bana badafite ubumuga kugira ngo babashe gufatanywa mu myigire, basangire ndetse bahurire mu mikino bityo basabane bibafashe kumva ko nabo ari abana nk'abandi. Ni mu gihe iri huriro rikomeje

Komeza ku urup. 3

Abafite ubumuga bahawe amazina atabapfobya



Aimable Bukebuke

Ibi byatangajwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama

Inama rusange ya 5 ya NCPD ku rwego rw'Igihugu yarateranye



Ubwanditsi

Iyi nama yabereye i Kigali ihuza abahuzabikorwa ba NCPD baturutse ku rwego rw'Akarere kugera ku rwego rw'Igihugu. Ubwo yatangizaga iyi nama Umunyamabanga wa Leta muri MINALOC Madamu Alvera Mukabaramba yashimye NCPD

ibyo imaze kugeza ku bafite ubumuga, nubwo ibikenewe bikiri byinshi, yakomeje avuga ko mu rwego rwo guteza imbere abafite ubumuga Leta yashyizeho umukozi uhoraho ushinzwe ukurikirana ibibazo by'abafite ubumuga ku rwego rw'akarere. Abahuzabikorwa basabwe gukora gahunda igaragaza ibyo abafite

ubumuga bakeneye kubera ko abahuzabikorwa bagagaraje ibyakorewe abafite ubumuga nyamara ntihamenyekane umubare wabakeneye gufashwa. Kugira ngo Inama rusange yifuje ko Inama rusange ya NCPD y'ubutaha yazajya

Komeza ku urup. 3

Ijambo ry'ibanze

Abafite ubumuga turushaho kubitaho



Aimable Bukebuke
Umuyobozi wa
ROJAPED- Solidarity

Umuryango Rojaped-Solidarity, ugizwe n'abanyamakuru bakora mu bitangazamakuru bitandukanye, wabonye ubuzima gatozi taliki ya 12/8 /2014, icyemezo cy'uko ari umuryango utegamiye

kuri Leta, no 24/NGO/RGB/2014. Intego yabo ikaba ari iyo kunganira abafite ubumuga n'abanyanteye nke, nk'abana bahohoterwa cyangwa abana bafite ababyeyi babana n'ubumuga. uje kubibutsa gukora inshingano zanyu, kuko abo bese ni abacu mu miryango, n'abana b'igihugu. Mubafashe kubaho, mubashakire icyo bakora mu ntege nke zabo, be kumva bari mu kato.

Mu Bugiriki bwa cyera, mu murwa witwaga Sparte, umwana wese w'umuhungu yavukiraga kuzaba ingabo. Iyo umwana yavukaga, komisiyo y'abakuru yarateranaga, igatwara rwa ruhinja ahantu habigenewe hitwaga "Lasché", bagasuzuma niba uwo

mwana wavutse hari ubumuga yavukanye. Bagira inenge bamusangana, bakamujugunya mu cyobo bitaga "gouffre aux Apothètes", muni y'umusozo wa "Taygète". Ngo ntabwo umwana agomba kuba umuzigo w'umurwa.

Mu bihugu bimwe na bimwe by'afurika, hari aho usanga bahiga abavukanye ubumuga bw'uruhu, kugirango babatangeho ibitambo byo kuzagira ubutunzi, cyangwa ubundi bufumu bunyuranye. Nyamara kandi mu mateka na none, tuzi abavukanye ubumuga babaye intwari zikomeye zikivugwa kugeza na n'ubu. Twavugaga nka Sundiata Keita, wabaye umugaba

Komeza ku urup. 3

Abafite ubumuga bahawe amazina atabapfobya

Ibikurikira urup. 1

y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga, Bwana Ndayisaba Emmanuel mu kiganiro n'Abanyamakuru cyabaye kuwa 18/06/2015. Muri iki kiganiro, abanyamakuru bamenyeshyewe ko inyito nshya zashyizweho na NCPD ifatanije n'Inzego zitandukanye zirimo Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco, Sosiyete Biblique, na Kaminuza y'u Rwanda Ishami ry'Uburezi n'imiryango itari iya leta yita ku bantu bafite Ubumuga. icyari kigamijwe muri iki kiganiro, ni ugutangaza inyito zikwiye kandi ziha agaciro Abantu bafite Ubumuga aho kwitwaga amazina abitaranyaga n'ibintu, hashingiye ku bumuga bafite; ibi rero bigatuma Abafite ubumuga badahabwa Agaciro.

Buri muntu akwiye kwitwaga amazina yahawe n'ababyeyi be, kumusanisha n'ubumuga afitse cyangwa n'ikintu bigahagarara.

INYITO NSHYA ZIBEREYE IBYICIRO BY'ABANTU BAFITE UBUMUGA

Kubera ko Abantu bafite Ubumuga bitwaga amazina abatesha agaciro ashingiyeye ku bumuga bafite, ubu hashyizweho inyito zibereye ibyiciro by'Abantu bafite Ubumuga nkuko bigaragara kuri uru rutonde rukurikira.

No Ntibavuga (Inyito zipfobya)

Bavuga (Inyito iboneye)

1. Ikimuga, uwamugaye, ubana n'ubumuga, ugendana n'ubumuga Umuntu ufite ubumuga

2. Ikirema, Ikimuga, Karema, Kajorite, Igicumba, Gicumba, Utera isekuru, Kaguru, Jekaguru, Ikirema, Karema, Muguruwakenya, Terigeri, Kagurumoya, Kaboko, Mukonomoya, Rukuruzi Umuntu ufite ubumuga bw'ingingo

3. Impumyi, Ruhuma, Maso, Gashaza, Miryezi, ...

Umuntu ufite ubumuga bwo kutabona

4. Igipfamatwi, Ikiragi, Nyamuragi, Ibubu, Ikiduma, Igihuri, Bihurihuri Umuntu ufite ubumuga bwo kutumva no kutavugaga cyangwa bumwe muri bwo.

5. Igicucu, igihoni, ikijibwe, ikirimarima, ikiburaburyo, ikiburabwenge, indindagire, ikigoryi, igihwene, ikimara, zezenge, icyontazi, inka, inkaputu.

Umuntu ufite ubumuga bwo mu mutwe

6. Kanyonjo, gatosho, gatuza

Umuntu ufite ubumuga bw'Inyonyo

7. Nyamweru, umwera, ibishwamweru, nyamwema, umuzungu



Abafite ubumuga bishimiye kongera guhabwa agaciro.

wapfubye Umuntu ufite ubumuga bw'uruhu rwera

8. igikuri, gikuri, gasongo, nzovu, zakayo, gasyukuri, kilograma, Umuntu ufite ubugufi budasanzwe

Icyitonderwa: Umuntu ufite ubumuga burenze bumwe, hakoreshwa

inyito: Umuntu ufite ubumuga bukomatanyije.

Muri iki kiganiro abanyamakuru basabwe kugeza izi nyito ku bantu bakurikirana ibitangazamakuru byabonetse no gushishikariza abantu kuzikoresha.

Abana bafite ubumuga bwo mu mutwe ni abana nk'abandi

Ibikurikira urup. 1

urugamba rwo gukora ubuvugizi kuri bene aba bana .

Muri gahunda yabaye kuri uyu wa Gatanu tariki 26 Kamena, 2015 kuri Centre d'Accueil Saint François d'Assise Collectif tubakunde yashyize ahagaragara ibyagezweho mu gihe cy'umwaka umwe Umushinga Come Together umaze utangiye gukorana na Collectif TUBAKUNDE. Ibiga (centres) bibibi bifasha abana n'urubyiruko bafite ubumuga bwo mu mutwe aribyo Izere Mubyeyi yo mu Karere ka Kicukiro na Centre Komera yo mu Karere ka Rutsiro nibyo byari byitabiriye iyi gahunda. Ni igikorwa cyaranzwe no kwidagadurira, abana n'urubyiruko bafite ubumuga bwo mu mutwe bahuzwa n'abandi bana batabafite mu muziki barabyina, bagera n'igihe bahurira mu gikorwa cyo guhabwa isomo ry'umuziki ndetse n'iry'isuku mu ishuri. Muri ibi bikorwa abana bafite ubumuga bwo mu mutwe bagize uruhare muri bi bikorwa bose berekanye ko bashoboye kwidagadurira ndetse no kwiga nk'abandi.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Collectif Tubakunde, Bwanda Tuyisenge Laurent yabwiye itangazamakuru ko binyuze mu bikorwa bitandukanye harimo amasomo atandukanye ndetse harimo no kwidagadurira biciye mu muziki aba bana bafite ubumuga bwo mu mutwe ubu bamaze gutinyuka ndetse ko kwigirira icyizere muri bagenzi babo, bakaba babona ibi

bikorwa bafite umusaruro.

Nyuma yo gusanga abana n'urubyiruko bafite ubumuga bwo mu mutwe bari hirya no hino mu gihugu nta wubitahe,

Umuyobozi wa Collectif TUBAKUNDE, Padiri Murenzi Eugene, yavuze yagize igitekerezo cyo kubavugira nyuma yo gusanga iki cyiciro cy'ubumuga gisa naho cyirengagijwe kandi nabo bakeneye kwitabwaho bagahabwa uburenganzira nk'ubw'abandi bana.

Collectif i Tubakunde yatangiye tariki 20 Ukuboza, 2005 ubu ikaba ikorera mu Turere 23 mu Rwanda. Hari na gahunda yo kwagura ibikorwa by' umushinga "Come Together" ku buryo wakorana n'ibigo byose bifasha abana ndetse n'urubyiruko bafite ubumuga bwo mu mutwe bahuriye muri "Collectif TUMUKUNDE"

Muri ibi bigo bihuriye muri Collectif TUBAKUNDE abana n'urubyiruko bafite ubumuga bwo mu mutwe bahabwa umwanya bakidagadurana n'abandi, bagakora ibikorwa bitandukanye, bakisanga mu bandi ibi bikabafasha gusabana nabo ndetse bakumva ko nabo ari abana nk'abandi aho bigaragara ko nabo bafite ubushobozi bwo kugira icyo bakora.



Padiri Eugène Murenzi umuyobozi wa collectif Tubakunde

Inama rusange ya 5 ya NCPD ku rwego rw'Igihugu yarateranye

Ibikurikira urup. 1

imara iminsi ibiri kubera ko iba ifite inshingano zo kureba ibyagezweho ndetse n'ibizakorwa umwaka utaha.

Abafite ubumuga bigejeje kuri byinshi mu nzego zitandukanye

Abahuzabikorwa ku rwego rwaburiri Ntara batangaje ibyo bakozi ndetse n'ibyo bateganyaga gukora bigamijwe guteza imbere Abafite Ubumuga, mu bikorwa by'ingenzi byagarustweho ni uko habayeho guhugurira buri wese uburenganzira bw'Abafite Ubumuga, kubumbumbira Abafite Ubumuga muri koperative, gushyira Abafite Ubumuga mu byiciriro hagendewe ku byiciro by'Ubumuga, habaye kandi kongerera Abafite Ubumuga Imibereho myiza bahabwa amagare, inkoni ndetse n'amatungo yo kubafasha, Ubu harateganywa gutanga laptops ku z'Abafite Ubumuga bwo

kutabona barangije Kaminuza, hanyuma bakabasha kubona amasomo bigiyemo muri Kaminuza, Mu rwego rwo gufasha Abafite Ubumuga kwifasha NCPD yahuguye Abamugaye bagera kuri 764 mu myuga itandukanye ndetse bakazahabwa n'ibikoresho bihwanye na muliyoni 71 bizafasha gutangira gukora, hazakorwa kandi inkoranyamagamba y'Ururimi rw'Amarenga, kubigendanye n'imyanzuro y'Inama y'umwaka byose byashizwe mu bikorwa uretse Inama rusange yabaye rimwe. Abari mu nama bakaba bavuze ko inama rusange izaba inshuro mu mwaka utaha, uyu mwaka wa kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Abafite uyu mwaka uzizihirizwa ku wa Musanze naho muri 2015, mu mwaka wa 2016 ukazizihirizwa mu ntara y'Iburasirazuba akarere kakazatangazwa mu minsi iri mbere.

ROJAPED P.O Box 4305 Kigali - RWANDA,
Phone: +250- 788521257, +250-785000312
e-mail: rojaped2014@gmail.com

Ijambo ry'ibanze

Abafite ubumuga turusheho kubitaho

Ibikorikira urup. 1

w'ingabo ukomeye, akaba n'umwami utavogerwa, mu bihugu bya cyera byo muri Afurika y'i burengerazuba. Yari yaravukanye ubumuga bw'akaguru, ndetse akiri umwana, abo mu muryango we bamusekaga ko atazabasha kugendera ku ifarasi. Amateka avuga ko nta muntu wigeze amurusha gutwara ifarasi. Maze nawe akurana ishyaka, abereka ko byose bishoboka.

Ubumuga bwo ku mubiri, ntibuzwa kugira ibitekerezo bizima. Niyo kandi umuntu yagira ubumuga bwo mu mutwe, ni inshingano za buri wese zo kumwitaho, kumufasha, gukora ibishoboka kugira ngo abeho nta kato, kuko nicyo abatamugaye baba baraherewe ayo mahirwe.

Mu gihugu cyacu cy'u Rwanda, bagerageza kwita ku bibazo by'ababana n'ubumuga, bashyiraho gahunda zifasha abatamugaye n'abatubona kwiga. Hari amarushanwa ya sporo yabagenewe kandi kugeza ubu mu mikino yo mu Rwanda bitwaye neza cyane. Ndetse n'amarenga barashaka uko yaba ururimi nk'izindi. Mu nyubako ndende, ubu basaba ba nyiri kuzubaka, gushyiraho inzira y'abafite ubumuga bwo kugenda. Imvugo zipfobya n'izisesereza ubu zarabujijwe. Iyo ni intambwe nziza, n'ubwo tutavugaga ko byose byagiye mu buryo.

Igihe cyari kigeze kugirango abantu bahindure imyumvire, niyo nshingano y'iki kinyamakuru yo gukomeza gutabariza abafite ubumuga, n'ubwo bitari bikwiye kuba ngombwa, kuko ni inshingano za buri wese zo kwibaza iyo we aba ariwe ufite icyo kibazo. Ikindi kandi ibyo tubagirira ntudukwiye kubifata nk'aho ari impuhwe, kuko ni uburenganzira bwabo nk'abandi banyarwanda. Ku bakirisitu, mwibuke ko na Yezu yigisha abantu gusenga, yababwiye gusaba Imana gukorera nk'ibyo nabo bashobora gukorera abandi. Ni mucyo rero ikibazo cy'abafite ubumuga tukigire icyacu twese, ducike ku ngeso yo kubahisha mu mazu ngo baboreremo. Kuko ni abantu nk'abandi. Umuryango ROJAPED SOLIDARITY ukaba wiyemeje kuzakomeza kubagezaho inkuru zitandukanye zabafite ubumuga n'intenge nke tubinyujije muri iki kinyamakuru ndetse hagiye imbaga nkoranyambaga muzajya musangaho inkuru zitandukanye.

Abagize Inama y'ubwanditsi

UMUYOBOZI MUKURU: Bukebuke Aimable

UMUNYAMABANGA

W'UBWANDITSI: Ingabire Grace

ABANYAMAKURU: Ingabire Grace, Casmiry Kayumba, Solange Manishimwe, Jean Pierre Habimana, Viateur Nzeyimana, Jadot Sezirahiga. Christoph Karenzi
GRAPHICS & DESIGN: Jean B. Kayitare

Abafite ubumuga kwisanga muri gahunda na serivise zibagenewe ni uburenganzira bwabo



Abafatanyabikorwa ba UPHLS mu mahugurwa yabereye i Muhanga.

Manashimwe Solange

Urumuna rw'abafite ubumuga mu kurwanya SIDA no guteza imbere ubuzima (UPHLS) rwateguye amahugurwa ku nkunga y'ikigega cy'umuryango w'abibumbye gitsura democracy (UNDEF) bagejeje ku bafatanyabikorwa batandukanye bari baturutse mu gihugu cyose. Ni amahugurwa yabaye ku itariki 28-29 mu karere ka Muhanga akaba yarahuje UPHLS n'abafatanyabikorwa barimo abafite mu nshingano zabo imibereho y'abafite ubumuga mu Turere, abajyanama b'ubuzima abafite imibereho myiza y'abaturage mu nshingano zabo ndetse n'itangazamakuru.

Aya mahugurwa yibanze cyane ku buryo abafite ubumuga bakwinjizwa muri gahunda zose yewe na serivise zigenewe abandi banyarwanda muri rusange (disability mainstreaming) kugira ngo abafite ubumuga nabo babashe kugira ubuzima bwiza. Abitabiriye aya mahugurwa basobanuriye ku buryo burambuye abafite ubumuga abo ari bo n'uburenganzira bwabo.

Abafite ubumuga ni abantu bose bahura n'inzitizi baterwa

n'uko rumwe cyangwa nyinshi mu ngingo zabo zidakora neza cyangwa zidahari. Aba bafite uburenganzira nk'ubw'undi muntu wese udafite ubumuga. Amateka y'abafite ubumuga yagarutseho muri aya mahugurwa yagaragaje ko uburenganzira bwabo bwirengagijwe kuva kera. Kuri ubu hari amategeko n'amabwiriza yashyiriraho kugira ngo uburenganzira bw'abafite ubumuga bwubahirizwe. Nubwo bimeze gutya ariko haracyari impungenge z'uko benshi mu banyarwanda batarashyira mu bikorwa ibikubiye muri aya mategeko.

Karangwa Francois Xavier, umuyobozi wa UPHLS agira ati " Sinatinye kubivuga aho twavuye ni habi, mu myaka 50 ishize umuntu yashoboraga kubyara umwana ufite ubumuga akamwica ariko ubu siko bikimeze,... ariko kandi ntituragera aho twifuzaga, kubera iki? ...amategeko arengera abafite ubumuga arahari ariko ntashyirwa mu bikorwa neza uko byakagombye, ikibazo rero nuko leta yashyizeho amategeko ntiyubahirizwe, ibyo bigatuma tutagera aho twifuzaga kugera..."

Karangwa yongeraho ko bifuzaga ko mu myaka nk'ine,itanu abanyarwanda bafite

ubumuga baba bageze ku rwego abafite ubumuga bo mu bihugu nk'ubuyapani amerika n'ibindi bagezeho. Ati aha usanga abafite ubumuga hari ukuntu bagenerwa imirimo, ndetse bagafashwa na leta ndetse n'ibigo bitanga akazi ku bafite ubumuga bikagabanyirizwa imisoro na leta,....

Uretse kuba amategeko arengera abafite ubumuga atubahirizwa hose baracyafite n'inzitizi hari ahakigaragara guhezwa no kwiheza kw'abafite ubumuga mu muryango nyarwanda hamwe na hamwe, kutabona amakuru ku gihe, kutagira imirimo ibabeshaho, kutagira ubushobozi mu buryo bw'amafaranga ibindi...

Omari BAHATI ushinze kongerera ubushobozi abafatanyabikorwa n'abanyamuryango muri UPHLS ati "bibaho ko abana bafite ubumuga badafatwa nk'abandi yajya kwiga ntakine nk'abandi, mwarimu ntabashe kumufasha, n'ibindi..." Yongeraho ko hakiri n'imyubakire idafasha abafite ubumuga kuzigeramo izi n'izitizi zose zikaba zikigaragara. Kugira ngo izi n'izitizi zikurweho muri muntu wese mu rwego arimo akwiye kubigiramo uruhare.

Barifuza ko amarenga yaba ururimi rukoresha mu gihugu

Kayumba Casmiry

Amarenga ni ururimi arumenyerewe gukoreshwa n'abantu bafite ubumuga bwo kutavuga, kutumva cyangwa byombi, hagati yabo cyangwa rugakoreshwa hagati y'umuntu ufite ubwo bumuga n'utabufite. Uru rurimi rwakoreshejwe kuva kera mu Rwanda ariko uko imyaka igenda ihita niko abarukoresha barushaho kwiyongera.

Nubwo twavuze yuko amarenga ari ururimi rumenyerewe gukoreshwa iyo babiri baganira harimo uba abite ubumuga bwo kutavuga, kutavuga cyangwa byombi, ariko n'abantu badafite ubwo bumuga hari ubwo bahitamo gukoresha urwo rurimi rw'amarenga.

Hari nk'icyo mu Kinyarwanda bita "kumama". Umuntu iyo "amamyeye" undi bishobora gusobanura kuba amubwiye ati "wicecekere," iyo yatekereze yuko uwo "amamyeye" yashoboraga kuvuga ibyo umamyeye abona yuko bidakwiye kuvugirwa aho. Iri "mama" urikora arikora arebye neza yuko ribonwa gusa n'uwo aba arigeneye, abandi cyangwa uwo adashaka cyane yuko yagira icyo amenya kuri iyo



ngingo yaganirwagaho atabibona. Hari no kumama ushaka kubwira umuntu yuko ibyo avuze nta kuri kurimo, byombi bigatandukanywa n'uburyo umama abikoze !

Gutunga arutoki umuntu urucugusa hasi no hejuru bisobanuye kwiyama umuntu cyangwa warumutungira urunzunguza bigasobanura yuko umuhakaniye. Ingero ni nyinshi aho abantu babiri badafite ubumuga bwo kutavuga bakoresha amarenga hagati yabo.

Aya ariko ni amahitamo cyangwa guha uburemere ikintu, naho ku bafite ubumuga bwo kutavuga, kutumva cyangwa byombi nta mahitamo aba ahari. Bagomba gukoresha amarenga hagati yabo ubwabo cyangwa hagati yabo n'abadafite ubwo bumuga baba bashakira kuvugana nabo.

Leta y'u Rwanda ikomeje kugaragaza

yuko iha agaciro abantu bafite ubwo bumuga bwo kutumva no kutavuga. Nka Televiziyo Rwanda haba hagaragara umuntu uvugaga amakuru n'uhagaze iruhande asemurira abafite ubumuga bwo kutumva ibyo uwo munyamakuru aba avugaga. No mu bindi biganirwa byakabaye bikorwa gutyo ariko ntabwo bikorwa, ku mpamvu umuntu yavugaga yuko zidasobanutse.

Izo mpamvu ntabwo zisobanutse kuko utavugaga yuko amikoro ari make cyangwa utabona abantu bahagije bazi gusobanura urwo rurimi. Icyo umuntu yahamya gusa n'uko u Rwanda nk'igihugu kitarabiha uburemere buhagije.

Tariki 15 Nyakanga uyu mwaka wari umunsi wo kuzirikana abantu bafite ubumuga bwo kutumva no kutabona. Uwo muhango wabereye hano mu mujyi wa Kigali wagaragayemo n'abantu bafite ubumuga bwo kutumva, kutavuga no

kutabona.

Nubwo abantu nk'aba batabona ngo babe bareba amarenga bacirwa ariko nabo basobanurirwa ibiba bivugwa mu buryo burenze bwa bundi abatavugaga, ntibabone ariko bumva basobanurirwamo. Ahana intoki nuba amusemurira, bagakorakorana kandi bakumvikana. icyagaragariye wese wari uraho n'uko urwo rurimi rwo guca amarenga hano mu gihugu rumaze gutera imbere kandi rumaze kumenywa na benshi mu badafite ubwo bumuga.

Abafite ubumuga rero gusaba leta yuko ururimi rw'amarenga rwashyirwa mu ndimi zikoreshwa muri leta, nk'ikinyarwanda, icyongereza n'igifaransa bikaba ari aho bituruka kandi birashoboka. Ibi ariko byaba bivuze yuko urwo rurimi narwo rwakwigishwa mu mashuri, kandi nabyo birashoboka !

Abaturarwanda barusheho kugerageza kutongerera akababaro abantu bafite ubumuga

Kayumba Casmiry

Muri rusange usanga Abanyarwanda bagerageza kumva ibibazo by'abantu bafite ubumuga n'abanyantenke kandi ugasanga benshi bakora uko bashoboye kubafasha muri ibyo bibazo bahura nabyo buri muni.

Dufate nk'urugero rumwe rushobora kugaragarira buri wese. Uru rugero rujyanye n'ibyo wibonera muri za modoka zitwara abagenzi hano mu muji wa Kigali nka KBS, cyane zazindi nini zitwara abicaye n'abahagaze.

Iyo umuntu ufite ubumuga, uri mu zabukuru cyangwa umugore utwite yinjiye muri KBS agasanga imyanya yo kwicara yashize, usanga abadafite ubumuga bicaye hafi ye bahagurukira icyarimwe bamuhamagara ngo aze yicare. Uyu ni umuco mwiza kandi abantu benshi umaze kubinjiramo ku buryo n'uwaba yirangariye mu bindi ntahe umwanya uwo ugaragara nk'umunyantege nke, usanga abandi bagenzi bamureba nabi cyangwa bakamwibutsa, nawe akamwimukira nta ngingimira ! Hari naho usanga nundi mugenzi ugaragara nk'umunyantege nke yimukira uwo abona ari umunyantege nke kumurusha.

Ariko na none ntihabuze abafite imyumvire mibi cyangwa uburere budasobanutse, harimo abadafite ubumuga {intege nke} n'ababufite !

Uretse abanyantege nke tuvuga, barimo abagore batwite cyangwa abantu bari mu zabukuru, itegeko hano mu gihugu ribaha

uburenganzira bwo kubona serivisi mbere y'abandi. Ibi kandi ntabwo byakabaye n'itegeko kuko umutima wa kiremwanuntu n'uko wakabaye ubyumvisha buri wese. Ariko hano mu Rwanda usanga abantu bamwe na bamwe babyumva mu buryo budasobanutse !

Hari abantu hano mu gihugu babona abafite ubumuga yuko atari abantu nk'abandi ahubwo bakababona nk'abantu badasanzwe bashobora kuba ibivume, bigatuma babagenda kure. Uko kubaha akato bituma na bamwe muri abo bafite ubumuga nabo batiza umurindi mu kwiha ako kato, bibona koko yuko

atari abantu nk'abandi ! Ibi umuntu yabibona ku buryo bworoshye cyane ariko uko niko bimeze. Hari abaha akato abantu bafite ubumuga n'abo bantu babufite bagaheraho bakiha.

Ubumuga bugaragara hano mu Rwanda ndetse n'ahandi ku isi ni ibwo kutabona, kutumva, ingingo z'umubiri kudakora neza ku buryo wagira ibibazo mu kugenda cyangwa mu gufata, ibibazo byo kutavugira cyangwa kutibuka. Ibi bibazo ariko bishobora kuba uruhurirane, urugero ugasanga umuntu atumva akaba atanashoora kuvuga.

Ubumuga ubwo aribwo bwose bushobora kuvukanwa, bugaterwa

n'indwara, impanuka cyangwa iza bukuru. Ibi bintu byose nta wagira aho abihungira kandi n'uwagira ibyo yahungamo ntiyamenya ibyaturuka ku rubyaro rwe. Umuntu rero agomba guteganyiriza byose ! Umuntu yamenya uko ariho ariko ntiyamenya uko azasaza cyangwa niba azabyara abafite ubumuga cyangwa batabufite. Ibintu rero bigomba kuba ubwitanyiriza ! Utitaye ku bafite ubumuga nawe uba atiyitayeho kuko ntawamenya aho bucya bushyira. Abantu bagomba kuba magirirane kuko uyu muni ushobora kuba udafite ubumuga ejo ukazisanga ubufite !



Uwo mwari yazize impanuka y'imodoka ariko aracyafite icyizere cyo kubaho.

Abafite ubumuga bw'uruhu rwera biyemeje kwiha agaciro biremamo icyizere!

Ingabire Grace

Mu kiganiro kirambuye bagiranye na Kinyamateka, abibumbiye mu ishyirahamwe Amizero rigamije guteza imbere abafite ubumuga bw'uruhu rwera (bigeze kwitwa 'Ba nyamweru') (ALBINO PEOPLE)

bayigaragarije ko mu ntego bafite iza ku isonga ari iyo guharanira kwihesha agaciro. Ni nyuma y'uko bari bamaze kwishyira hamwe bakaganira uko bakiteza imbere bagamije kuva mu bwigunge no mu kato kabakorerwaga mu myaka yashize. Basobaruriye Kinyamateka uko bari bamerewe mbere yo kujya muri iri shyirahamwe n'akamaro ko kuba baririmo.

Batangaje ko biyubatsemo icyizere cyo kubaho neza binyuze mu kwishyira hamwe, guhuriza hamwe ibitekerezo n'imbaraga mu cyerekezo cyiza cy'ejo hazaza h'ubuzima bwabo, ubw'umuryango n'ubw'igihugu muri rusange. Ngo mu kwishyira hamwe byakemuye ibibazo byinshi byakunze kubibasira birimo ibyo guhabwa akato babwirwa ko ari ibyaha byinshi bakoze cyangwa igihano Imana yabahaye; guterana yababwiraga ko ari ibihindi, ba nyamweru, abandi bakabita ibisimba; gukorerwa ihohoterwa ritandukanye ririmo guhezwa, kubaraza hamwe n'amatungo, gusuzugurwa, gukubitwa, gucuruzwa, n'ibindi bibongamira ubuzima bw'ikiremwa muntu.

N'ubwo byari bimeze gutyo, ubu barishimira ko Kiliziya Gatolika na Leta babegereye bakabafasha kwikura mu bwigunge bababumbira mu ishyirahamwe. icyakora ngo n'ubwo bafite ubumuga bw'uruhu rwera akenshi



Umunsi mpuzamahanga w'abafite ubumuga bw'uruhu rwera.

bujyana n'ubumuga bw'amaso bagaragaza ko iyo umuntu afite umutima n'ubwonko bikora neza agera ku ntego yiyemeje yo gukorera Kiliziya n'igihugu.

Bihuriza ku kwiteza imbere kuri roho no ku mubiri byose babishingiye ku kwiha agaciro no kugaha ikiremwa muntu cyose bijyana no kuzirikana ko Muntu akwiye icyubahiro yaremanwe n'Imana.

Abibumbiye mu ishyirahamwe Amizero bagaragaje ibikorwa bagezeho birimo kugira ubwisungane mu kwivuzwa, kugira aho batuye, ubworozi bw'amatungo magufi, imirimo ibyara inyungu nk'ubuhinzi, ubukorikori, ukukanishi n'ibindi. Bahamagariye bagenzi babo batarinjira mu ishyirahamwe kurizamo ko rizabafasha kugera kuri byinshi birimo kwiyizera no kwiyubakamo ubushobozi.

Mu kugaragaza inyungu n'ibyiza byo kwihuriza hamwe nk'ishyirahamwe batangaje intego bafite: gutinyura abitinya ku buryo bigiramo icyizere koko nk'abantu bashoboye. Kurwanya akato n'ihesha rya bamwe mu ngo iwabo no mu miryango yabo. Kurengera abana bakiri bato, kuko benshi bapfaga bakiri bato kubera kubura

kwitabwaho uko bikwiye. Guharanira kwishyira ukizana nk'umunyarwanda mu gihugu cy'e. Kwihesha agaciro biremamo icyizere bashakira hamwe icyo gukora nk'ishyirahamwe no mu matsinda atandukanye.

Mu byifuzo bagaragaje bafite intego yo kwiyubakira inyubako y'icyicaro cy'ishyirahamwe. Basabye Leta ko yajya izirikana kubantu bafite ubumuga bw'uruhu rwera nabo bakajya bahabwa bimwe mu bikoreho bakenera birimo amavuta yo kwisiga mu gihe cy'izuba, ibikoreho bifasha abanyeshuri bafite ubumuga no gukomeza gukora ubuvugizi bw'abantu bagihohoterwa bazira uko bavutse hagamijwe kubaka kwishyira ukizana kwa buri wese. Ishyirahamwe Amizero rigizwe n'abanyamuryango 78 barimo abana 31, uruburiko 28, abubatswe 19. Ryashinzwe na Padiri TWAMBAZIMANA Bonaventure mu mwaka wa 2011. Yari afite intego yo kwita ku mikurire y'abana bafite ubumuga bw'uruhu rwera, gukumira ihohoterwa ribakorerwa ndetse rigakorerwa n'ababyeyi babo, gukumira ihesha ribakorerwa, kurwanya ubukene n'ubujiji no

kubakorerwa ubuvugizi. Ishyirahamwe Amizero rigizwe ahanini n'abanyamuryango bo mu turere twa Burera, Gakenke na Musanze. Intego z'ingenzi z'ishyirahamwe ni ukuvana abantu mu bwigunge harwanywa akato bahabwaga mu muryango; kwimakaza ihame ry'uburezi kuri bese by'umwihariko hahugurwa abarezi mu bijyanye no kwita ku bana babana n'ubumuga bw'uruhu rwera; gushyiraho ubukangurambaga mu buyobozi bwa Leta no muri Kiliziya n'amatorero mu buryo bwo gusana imiryango yabonetse amakimbirane ku mpamvu z'umwana wavukanye ubumuga bw'uruhu cyangwa abashaka kubaka urugo badahuje uruhu; gushyiraho ishuri ry'abana bafite ubumuga bw'uruhu rigamije kuzamura uburere n'uburezi, umuco na sport n'indi myidagaduro mu bana bafite ubumuga bw'uruhu rwera.

Umunsi Mpuzamahanga w'abantu bafite ubumuga bw'uruhu rwera wizihijwe ku itariki ya 12/06/2015 kunsanganyamatsiko igira iti: « Abafite ubumuga bw'uruhu rwera bakwiye kwakiranwa urukundo, icyubahiro no guhabwa agaciro ».

Kamonyi: abavandimwe 5 bose bavukanye ubumuga bwo mutwe no kutavuga

Manishimwe Solange & Nzamukosha Khadija

Mu muryango ugizwe n'umugabo n'umugore ndetse n'abana batandatu bavuka mu rugo rumwe, batanu muri bo bafite ubumuga bwo mu mutwe. Uretse kuba aba bana bafite ubumuga bwo mu mutwe, banafite n'ubundi bumuga bwo kutavuga, batatu muri bo hakiyongeraho ubumuga bw'ingingo.

Umugabo Musabimana Cyrille ndetse n'umufasha we Mukabumanzi Dancille batuye mu mudugudu wa Ryabitana, akagari ka Gihinga, umurenge wa Gacurabwenge ho mu karere ka Kamonyi, nibo bisanze mu ruhurirane rw'ibibazo by'inzitane mu kurera abana bafite ubumuga nk'ubu.

Uyu muryango uvuga ko babyaye umwana wa mbere Mutangana Faustin mu mwaka w, 1989, avukana ubumuga bwo mu mutwe no kutavuga. Ku nshuro ya kabiri mu mwaka w'1993 babyaye uwita Hakizimana Theonetse nawe wavukanye ubumuga bwo mu mutwe no kutavuga, kuri we hakiyongeraho n'ubumuga bw'ingingo (afite ibirenge bitameze neza). Ku nshuro ya gatatu babyaye Niyotwagira Alphonse wavutse 1996, nawe ntavugaga kandi afite ikibazo cyo mu mutwe.

Ku nshuro ya kane bibarutse Mukasano Rosine. Aba babyeyi bemeza ko uyu Rosine yavutse nta kibazo na kimwe cy'ubumuga afite, amaze kugira imyaka ibiri aravugaga nk'abandi bana babona nta kibazo we afite. Nyuma uyu Rosine yaje kurwara mugiga imutera ubumuga butandukanye harimo ubwo mu mutwe, kutavugaga ndetse



Umuryango wa Musabimana Cyrille n'umufasha we Mukabumanzi Dancille.

n'ubw'ingingo. Uyu Rosine uri mu kigero cy'imyaka 15 we ntiyeguka mu kagare abamo mu gihe abandi bo babasha kugenda.

Mukabumanzi Dancille avugaga ko iki gihe abaturanyi batangiye kuvugaga ko bafite Nyabingi (amashitani) atera aba bana kuvuka bakamera gutya ibi bikarushaho kubatera kwiheba, gusa kuri ubu ngo aba baturanyi bamaze guhindura imyumvire bakaba bakeka ko byatewe n'amategeko arengera abafite ubumuga ari kugenda ashingira imizi. Mukabumanzi ngo yacitse intege zo kongera kubara ndetse agahora mu gahinda gakomeye. Nyuma 2004 nibwo babyaye Tuyisabe Mark we akaba yaravutse nta bumuga afite, nubwo nta kizabo afite.

Mu mwaka wa 2006 havutse uwitwaga Niyonkuru Valentine, we afite ubumuga bwo mu mutwe ariko agerageza kuvugaga nubwo utamwumva ku buryo bworoshye. Aba babyeyi bavugaga ko bakomeje kugenda babyara abana ngo barebe niba babona umwana udatwaga ikibazo gusa ngo bashoboye

kuramurira umwe, bakabababasha kugera ho kindi, ngo iyo abonye icyo umuryango ufunguraga ntabasha kugira ikindi yongeraga ho. Agira ati: "Urabona ntibakuraneza, uwampa inka nkajya mbaha amata, ikindi buriya iriya nzu yansenyukiyeho, ihene abafite ubumuga bampaye irarana n'abana, inzu yabagamo yarasenyutse urabona ni ikirangarirwa, nabuze ubushobozi bwo kuyisana". Uyu mubyeyi avugaga ko yabuze ubushobozi bwo gusana iyi nzu bitewe n'uko akorera umuryango wenyine. Yongeraga ko aho akorera ubuhinzi hadahagije kandi ngo ntabasha kubona ifumbire kuko nta tungo rirerire bagira. Avugaga ko uwamuha udufaranga yafatanyaga umurimo w'ubuhinzi n'ubucuruzi byatuma yita bihagije kuri abo bana.

Imbogamizi mu burezi n'uburere bw'aba bana.

Musabimana na Mukabumanzi, ababyeyi b'abana batanu bafite ubumuga bwo mu mutwe no kutavugaga bavugaga ko uburere bwabo bugoye dore ko uherye ku mukuru ubuufite imyaka 27 badashobora no kwikarabya. Ngo nta wuvoma nta wazana udukwi. Musabimana, papa w'abana avugaga ko ari we wenyine ukora akazi k'ubuhinzi ngo atunge umuryango kubera ko nyina w'abana asigarana nabo mu rugo abarera abakorera isuku dore ko uwitwaga Rosine we atabasha kuva aho ari. Mukabumanzi avugaga ko hatagize ubaba hafi imodoka zabagongaga kubera ko baturiyeye umuhanda rusange.

Kubera gukora ari umwe, se w'aba bana avugaga ko nta cyo

babasha kugera ho kindi, ngo iyo abonye icyo umuryango ufunguraga ntabasha kugira ikindi yongeraga ho. Agira ati: "Urabona ntibakuraneza, uwampa inka nkajya mbaha amata, ikindi buriya iriya nzu yansenyukiyeho, ihene abafite ubumuga bampaye irarana n'abana, inzu yabagamo yarasenyutse urabona ni ikirangarirwa, nabuze ubushobozi bwo kuyisana". Uyu mubyeyi avugaga ko yabuze ubushobozi bwo gusana iyi nzu bitewe n'uko akorera umuryango wenyine. Yongeraga ko aho akorera ubuhinzi hadahagije kandi ngo ntabasha kubona ifumbire kuko nta tungo rirerire bagira. Avugaga ko uwamuha udufaranga yafatanyaga umurimo w'ubuhinzi n'ubucuruzi byatuma yita bihagije kuri abo bana.

Aba babyeyi bombi bisanze abana babo bafite ubumuga bavugaga ko mbere bahoraga mu gahinda ariko ubu ngo barabyakiriyeye ndetse n'abaturanyi babo bakomeje kubabababasha hafi.

Tumenye amategeko arengera abantu bafite ubumuga

Ubwanditsi

Hano mu Rwanda hari ingingo nyishi z'itegeko rirengera abantu bafite ubumuga ariko ugasanga abantu benshi batazisobanukiwe kandi byakabaye ngombwa.

Izo ingingo zikubiye mu itegeko numero 01 ryo kuwa 20 Mutarama 2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange. Reka turebe zimwe muri izo ingingo tubona ari iza ngombwa cyane, zigomba kumenywa na buri wese yaba afite ubumuga cyangwa atabufite.

Ingingo ya gatatu y'iri tegeko ivuga yuko ufite ubumuga wese afite uburenganzira bungana n'ubwabandi imbere y'amategeko. Agomba kubahwa no guhabwa agaciro bikwiye ikiremwa muntu.

Ingingo ya gatanu ikavuga yuko ufite ubumuga afite uburenganzira bwo kuba mu muryango mu buryo bumwe n'ubwabandi.

Ufite ubumuga adafite ababyeyi kandi adashoboye kwitunga agira umwishingizi cyangwa umubera umubyeyi ataramubyaye cyangwa se ikigo cyangwa ishyirahamwe bimwitaho, bikagenwa n'iteka rya Minisitiri

ufite imibereho myiza mu nshingano ze. Iryo teka kandi, nk'uko bigaragara mu ngingo ya cyenda, rikanagena uko ufite ubumuga agomba kwitabwaho no gutabarwa by'umwihariko mu gihe cy'intambara, impanuka n'ibindi byago.

Ingingo ya 11 ivuga ku byerekeranye n'uburezi aho igira iti ufite ubumuga afite uburenganzira ku burezi buboneye hakurikijwe imiterere y'ubumuga bwe. Abafite ubumuga butabemerera kwigana n'abandi, leta cyangwa ibigo byita ku bafite ubumuga bibashakira uburyo bwo kwiga mu ishuri ryihariye kandi bakagira abarimu babyigiye cyangwa babihuguriye n'ibikoresho byabugenewe.

Ingingo ya 12 yunganira iya 11 ivuga yuko umunyeshuri ufite ubumuga butamwemerera gukora ibizamini nk'iby'abandi

Ingingo ya gatanu ikavuga yuko ufite ubumuga afite uburenganzira bwo kuba mu muryango mu buryo bumwe n'ubwabandi.



afite uburenganzira bwo gukoreshwa ibizamini ku buryo bwihariye.

Ku bijyanye no kwivuza ingingo ya 14 ikavuga yuko ufite ubumuga yoroherezwa na leta uburyo bwo kwivuza harimo no kubona insimburangingo n'inyunganirangingo iyo zikenewe. Nk'uko kandi bigaragara mu ngingo ya 15, leta ifite inshingano yo kuvuza ufite ubumuga utishoboye kandi ikamushakira insimburangingo n'inyunganirangingo iyo zikenewe.

Ingingo ya 18, 19 ni ya 20 z'ivuga ku byerekeranye n'umurimo, aho iya 19 ivuga yuko ntavangura iryo ariryo ryose rigomba gukorerwa ufite ubumuga ku byerekeye umurimo. Nyamara ufite ubumuga ahabwa amahirwe yo kubona umurimo kuruta utabufite iyo banganya ubushobozi cyangwa

banganyije amanota mu ipiganwa.

Ingingo ya 25 ivuga ku bijyanye n'inyubako, aho igira iti inyubako zikorerwamo serivisi zitandukanye zigenewe abaturage zigomba kuba ziteye ku buryo zorohereza abafite ubumuga kugera aho izo serivisi zitangirwa. Iteka rya Minisitiri ufite ibikorwa remezo mu nshingano ze rigena igihe n'uburyo bigomba gukorerwa.

Ingingo ya 26 ivuga yuko serivisi zijyanye no gutwara abantu n'itumanaho zigomba korohereza abafite ubumuga. Imvugo z'amarenga, inyandiko ya 'braille' n'ubundi buryo bufasha abafite ubumuga mu itumanaho, igihe bishoboka, bigomba gukoreshwa mu nama, mu makuru no mu bindi biganiri mbwirwaruhame.

Reka dusoreze ku ingingo ya 27, unabona ikomeye cyane. Iyi ingingo iragira iti Umuntu wese ukoreye ufite ubumuga icyaha cy'ivangura cyangwa ihohoterwa iryo ariryo ryose ahanishwa igihano gisumba ibindi mu biteganywa n'ingingo z'igitabo cy'amategeko ahana n'iz'amategeko yihariye kubirebana n'icyo cyaha.

Barifuza kumenya ibyiciro barimo

Hashize hafi humwaka hano mu gihugu hakozwe isuzuma ry'abantu bafite ubumuga, hagamijwe kubashyira mu byiciro bitewe bitewe n'ubumwera iryo suzuma ryari kuba rigaragaje.

Mbere yuko iryo suzuma ritangira, no mugihe ryakorwaga, Inama Nkuru y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga (NCPD) yanyuzaga amatangazo ku maradiyo ahamagarira abafite ubumuga kwitabira icyo gikorwa ngo kutakitabira byakwambura umuntu amahirwe y'ibyo ateganyirizwa n'igihugu.

Abafite ubumuga benshi, niba atari hafi bose, bitabiriye icyo gikorwa cyo gusuzumwa ngo bashyirwe mu byiciro aho cyakorerwaga mu bigo nderabuzima.

Igikorwa cy'iryo suzuma cyakorwaga na Minisiteri y'ubuzima (MINISANTE). Iyo umukozi ubishinzwe yarangizaga gusuzuma umuntu yaramubwiraga ngo ntabwo babwira uwo bamaze gusuzuma icyiciro arimo ngo kuko ibyo bizakorwa n'ababaturanye, ntabwo babwirako abo babaturanye abo aribo, niba ari MINISANTE cyangwa NCPD ! Ariko bizwi yuko igikorwa cyo kugaragaza icyiciro

UKO NI UKURI

na

Casmiry Kayumba



cy'ubumuga umuntu afite ari inshingano za MINISANTE.

Kuva icyo gihe cyose abafite ubumuga babaruwe ntabwo bigeze babwirwa ibyiciro barimo, kandi barabyifuzaga cyane nk'uko banifuzaga kumenya mu by'ukuri impamvu igihugu cyifuje kubashyira mu byiciro kandi kugeza ubu bigaragara yuko ntacyo kibikoresha !

Ibyo aribyo byose ariko ni byiza umuntu kumenya aho ahagaze. Bitabiriye iryo suzuma ngo ngo bamenye ibyiciro barimo, none bagomba kubimenyesha kuko mbona bugomba kuba ari uburenganzira bwabo butakagombye gukererewe ! Niyoyi nta kintu leta ibateganyiriza bitewe n'ibyiciro baba barimo ariko nibura bakamenya ibyo byiciro byabo

Barifuza yuko nabo bahabwa intebe mu myanya igenewe abagore

Kayumba Casmiry

Mu nteko nshingamateko y'u Rwanda abari n'abategarugori bagenewe imyanya 30 %, bivuze yuko bagomba kugiramo intebe 24 kuko inteke (lower chamber) ifite abadepite 80.

Ibi ariko ntabwo bibuza igitsinagore kuba cya kwiyamamaza mu zindi nzego nko kubinyuza mu mitwe ya politike baba babarizwamo, urubyiruko, abafite ubumuga cyangwa mu rutonde rw'abiyamamaza ku giti cyabo !

Mu nama y'abafite ubumuga iherutse kubera



muri sports view i Remera bamwe mu bategarugori batanze icyifuzo kuri leta yuko muri ya myanya igenewe abagore mu nteko nshingamateko

hashyirwaho yuko imyanya runaka iba igenewe abagore bafite ubumuga. Urugero rwatangagwa n'uko niba muri rusange abagore bagenerwa imyanya 24 mu

nteko, nibura by'umwihariko abafite ubumuga byateganywa yuko baba bafitemo ine abandi badafite ubumuga bagasigarana 20.

Iki gitekerezo hari abakirwanya bavuga yuko no muri ya myanya 24 n'abagore bafite ubumuga badahejwemo ! Ibi birumvikana. Ariko se ko no muri ya myanya 80 igize inteke nshingamateko ko abagore muri rusange bahawemo 24, kuki abafite ubumuga by'umwihariko batagira iyo bagenerwa ku mpamvu zigomba kuba zisa nk'izatumye igitsinagore kiyahabwa !

Inzira yo kuja Rio yatangiye taliki ya 19 Nyakanga muri Sitting volley ball



Ibyinshimo byari byose nyuma y'intsinzi.

HABIMANA Jean Pierre

Nkuko bitangazwa n'umunyamabanga mukuru muri NPC Bwana Karasira Eric yatangaje ko imyiteguro igenda neza mu mikino nyafurika ya Sitting volley ball yari iteganyije kubera hano mu Rwanda. Akaba ari n'urugamba rukomeye kuko nibwo inzira yo kwerekeza Rio muri Brazil yari itangiye, amakipe yo mu bihugu bitandukanye yaje gushakira itike ibajyana muri iyo mikino ya nyuma ya Paralompiki.

Amakipe yari yemeje ko azaza muri iyi mikino mu bahungu n'abakobwa ni aya: Rwanda, Misiri, Kenya, Uganda, RDC, Burundi, Algerié.

Mu gihe izizazana ikipe y'abahungu gusa arizo : Algeria na Maroc, iyi mikino ikaba yari iteganyijwe gutangira taliki ya 23 igasozwa taliki ya 29 Nyakanga, aha rero niho amakipe yacu agomba kwitanga kuko itike izatangwa ni imwe kandi abahungu bo bashobora kubihararira aliko na bashiki babo nabo biteguye kwitanga kugira ngo bwa mbere mu mateka yabo nabo berekeze muri iyo mikino ya nyuma izabera muri Brazil 2016.

Ikipe yu Rwanda y'abagore yatojwe na Peter Kareman wageze mu Rwanda taliki ya 13 Nyakanga ari nabwo umwisherero wabo watangiye, ikaba

yarashakiwe imikino ya gicuti nubwo itagiye iboneka aliko umukino umwe bakinnye n'igihugu cya Misiri wabakanguye mu mutwe kuko nibura hari byinshi umutoza yabonye uko akosora , mu gihe ikipe y'abagabo itozwa na Jean Marie Nsengiyumva afatanije na Eric Gakwaya yo nubwo twavugaga ko babonye imikino itandukanye ndetse bakaba baritabiriye iyi mikino ya Paralempiki yaberaga mu gihugu cy'Ubwongeraza mu mujyi wa Londres, bityo bakaba baranitabiriye imikino yabereye ino mu Rwanda. Igikombe cy'isi nubwo batagitwaye kuko babaye aba kabiri bemezaga ko iyi tike

itazabacika, cyane ko ariyo mahirwe bari bafite yo gukinira imbere y'abakunzi babo.

Kuva taliki ya 17-22 Nyakanga habaye amahugurwa y'abasifuzi abazatsinda bazahita bakomeza basifure iyo mikino banimenyereza ,ayo mahugurwa yatanze na World Paravolley Experts na African Paravolley Referee Commissioner muri ayo mahugurwa hakaba harahuguriwemo na bamwe mu basifuzi bahano mu Rwanda aribo : Harerimana Herman na Mukundiyukuri Jean de dieu, akaba ari intambwe nziza ku basifuzi bacu kwitabira aya mahugurwa.

Afurika mu bagore izahagararirwa n'uRwanda i Rio muri Brazil 2016

URwanda nyuma y'uko mu mikino ya Paralompiki imikino ya Sitting volleyball yabereye mu Bwongereza muri 2012 rwahagarariwe n'ikipe y'abagabo, iyo mikino ikirangira u Rwanda rwatangiyeye gutegura ikipe y'abagore ndetse umuyobozi wa Komite y'Igihugu y'imikino y'abafite ubumuga (NPC Rwanda) Nzeyimana Celestin akaba yaratangaje ko mu mikino izabera Rio muri Brazil bagomba kuzohereza ikipe y'abagore.

Ibyo bikaba byari muri gahunda yihaye ko iyo kipe igomba kuzerekeza muri iyo mikino, yiswe "2015 Para Volleyball Africa Sitting Volleyball Championships" yagombaga kwakirwa na Kenya, kubera ikibazo cy'umutekano bituma basaba u Rwanda ko rwakwakira iyo mikino, ikipe y'abagore ikaba yari yatangiye kwitegura ndetse ubuyobozi bwa NPC bukumva ko iyo kipe igomba kugera kure hashoboka.

Nkuko hitabiriye amakipe y'abagore ariyo : Misiri, Kenya, u Burundi, Congo Kinshasa, Uganda n'u Rwanda, aya makipe yose yarahuye maze bareba uko akurikirana, ikipe ya mbere yabaye u Rwanda ikurikirwa na Misiri ayo akaba ariyo yahuye ku mukino wa nyuma biza kurangira Ikipe y'u Rwanda y'abagore itsinze Misiri ku amaseti 3-2 (24-26,25-17,23-25,26-24,15-13), ku mukino wa nyuma mu marushanwa yiswe "2015 Para Volleyball Africa Sitting Volleyball Championships" yasojwe ku wa kabiri tariki ya 28 Nyakanga 2015, bityo iyo kipe yu Rwanda ihita ibona na tike y'imikino ya Para olempike izabera i Rio muri Brazil 2016.



Ikipe y'abagore yishimira intsinzi izabajyana i Rio muri Brazil.

Mukantagwera Eugenie uhagarariye CBM mu Rwanda akaba yatangariye Solidarity Magazine ko afite ibyishimo kuba ikipe y'abagore ya sitting volley ball ibonye tike y'imikino ya Para olempike ati "Twashatse gufasha iyi kipe ndetse dukora umushinga wo kuyishyigikira kugira ngo izitabire imikino ya nyuma izabera muri Brazil none intego yacu ubu tuyigezeho", ndetse yakomeje adutangariza ko biteguye no gukomeza gutera inkunga champiyona ya sitting volleyball kuko bifuzaga ko imikino y'abagore yarushaho gutera imbere.

Imanishimwe Yvonne mu marira avanze n'ibyishimo aganira na Solidarity Magazine ati "Byari bikomeye, aliko tubigezeho tukaba dushimira abaduteye inkunga bose kuko ku bwacu ntabwo twari kubyigezaho" ubumuga (NPC Rwanda) yatangariye Solidarity Magazine ko kwakira iyi mikino y'Afurika



Mukantagwera Eugenie uhagarariye CBM mu Rwanda

ya Sitting Volleyball bisigiyeye igihugu kumenya gutegura, abatekinisiye bariyongereye kuko bahawe amahugurwa y'abasifuzi ku buryo abitwaye neza bazajya basifura imikino mpuzamahanga, n'abaganga ba makipe nabo bakaba barahawe amahugurwa yuko bagomba gutunganya akazi kabo.

Mu makipe y'abagabo yitabiriye iri rushanwa akaba ari Misiri, Kenya, u Burundi, Congo Kinshasa, Algeria n'u Rwanda aha ikipe ya Misiri akaba ariyo yabaye iya mbere nyuma yo gutsinda iyi Rwanda amaseti 3-0 bityo ihita nayo ibona itike yo kuzerekeza muri Brazil.

Ikiye ya Gisagara yisubije igikombe cya Shampiyona muri sitting volleyball 2015



Habimana Jean Pierre

Shampiyona ya Sitting volleyball yasoze muri week end y'itariki 8 Kamena nibwo yasojwe iyo mikino ikaba yarabereye mu ntara y'amajyaruguru mu karere ka Gicumbi, nyuma yaho iyi mikino yari iteganyijwe kubera mu karere ka Rubavu bikaza guhinduka kubera ibibuga byabuze bahita bayimurira Gicumbi.

Nkuko ikipe ya Gisagara ariyo yari

yegukanye igikombe umwaka ushije nubwo ntabwo byabagoye kuko imikino yabo bayitsinze bitabagoye kuko ikipe bari bahanganye ni Intwali, Ikiye ya Gisagara ikaba yari yaje yiteguye kwegukana icyo gikombe kuko abakinnyi bayo bari mu ikipe y'igihugu baganira na Solidarity Magazine bayitangarije ko imyitozo bavanye mu ikipe y'igihugu igiye gutuma igikombe bakegukana bitabagoye.

Visi Perezida ushinze amarushanwa muri NPC

Rwanda Dr Mutangana Dieudonne aganira na Solidarity Magazine yemeje ko Gisagara kuba yegukanye igikombe atari ibyayigwiriye kuko yarabiharaniye ndetse ikaba inashyigikiwe n'ubuyobozi bwa Karere ka Gisagara, akaba akomeza avuga ati "Turakangurira nu tundi turere gushyigikira amakipe yabafite ubumuga".

Dore uko amakipe yasoje Shampiyona akurikiranye mu bagabo no mu bagore:

ABAGABO

- 1 Gisagara 20 Points
- 2 Intwali 18 Points
- 3 Musanze 16 Points

ABAGORE

- 1 Musanze 20 Points
- 2 Nyarugenge 18 Points
- 3 Intwali 16 Points

Umuyobozi wa NPC Rwanda Bwana Nzeyimana Celestin akaba ashimira abitabiriye Shampiyona bese ndetse n'abagize uruhare mu migendekere yayo yose ku buryo ubwo aribwo bwose.



NCPD



Iyi nyandiko ya SOLIDARITY MAGAZINE yashoboye gusohoka kubufatanye na NCPD, UPHLS, VSO, NPC na UNDEF.

